IBIRORI BY'UMUNSI MUKURU W'IJYANWA MU IJURU RYA BIKIRA MARIYA (ASSOMPTION)

WO KU WA 15/08/2015 MURI DIYOSEZI YA NYUNDO KUMURWA WA BIKIRA MARIYA I CONGO-NIL.

Ibirori byo kwizihiza uwo munsi mukuru, muri Diyosezi ya Nyundo byabereye kumurwa w'Umubyeyi Bikira Mariya kuri Paruwasi crête Congo Nil. Nk'uko bisanzwe, benshi mubitabira uwo munsi mukuru babanza kunyura ku musozi wa Karuvaliyo, bakahakorera isengesho ry'nzira y'umusaraba, nyuma bakajya mu gitambo cya Misa.

Misa yo kuri uyu wa 15/08/2015 yatuwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo. Nk'uko bisanzwe, kuri uwo munsi, haba hateganijwe ko ababaye abapadiri n'abadiyakoni ba Diyosezi ya Nyundo muri uwo mwaka, ku munsi nk'uwo baturwa Umubyeyi Bikira Mariya, Umubyeyi w'abakene.

Abatuwe Bikira Mariya uyu mwaka ni Padiri Vincent MANIRAFASHA, Padiri Charles NIYONTEZE, Padiri Martin BAMFASHEKERA, Padiri René Claude HAKIZIMANA, Diyakoni Michel HABUHAZI, Diyakoni Vincent NSENGIYAREMYE, Diyakoni Evariste UWINTWARI, Diyakoni Védaste DUSABEYEZU, Diyakoni Jean Claude DUSENGUMUREMYI, Diyakoni Pierre Damien DUSHIMIYIMANA, Diyakoni Donatien NDACYAYISABA, Diyakoni Jean de Dieu NIYONSENGA na Diyakoni Joseph NTIRANDEKURA.

Mu nyigisho y'Umwepiskopi, yashimiye Imana yaduhaye ibyiza byinshi ibinyujije ku mubyeyi Bikira Mariya yitoreye imukuye mu muryango wa Israheli ari uwo mu muryango uciye bugufi. Umubyeyi Bikira Mariya ntabwo yigeze yishyira hejuru ngo abe yavuga ngo «Ndakomeye cyangwa ndi umuntu udasanzwe»; nyamara kuri twe siko bimeze, iyo tubonye hari uko duhagaze mu mibereho, dutangira kwishyira hejuru tukibwira ko twihagije.

Mariya amaze kandi kubwirwa na Malayika ko na mwene wabo Elizabeti uri muza bukuru, ko atwite, yihutiye gusangira na we ibyishimo, natwe tugomba kujya tumenya gusangira n'abandi ibyishimo. N'ubwo usanga igihe bamwe bishimye abandi bahekenya amenyo. Elizabeti yaramubwiye ati «Urahirwa wowe wemeye ko ibyo watumweho na Nyagasani bizaba», mu kwemera kwacu tugomba kujya dushyira ubuzima bwacu mu maboko y'Imana kuko tuba tutazi aho Imana izatunyuza; Mariya abwirwa atya, ntiyari azi ko azanyura mu mibabaro ikomeye.

Buri wese asubije amaso inyuma yabona ibitangaza Imana yamukoreye. Mi ngombwa ko buri wese yajya afata umwanya agasoma ubuzima bwe, akabona ibintu bikomeye Imana yamukoreye, maze bimufashe kuyishimira. Mariya ati «Ushobora byose yankoreye ibitangaza, izina Rye ni ritagatifu»; Koko rero Imana yamukoreye ibitangaza, ntabwo yigeze aheranwa n'urupfu; mu gihe twese tubanza kubora , twaba dukomeye cyangwa tworoheje. Ni na yo mpamvu ntamuntu wari ukwiye kwirata kubandi ngo «Ndakomeye cyangwa ndakize»

kuko twese tuzabanza gushanguka. Imana yanze ko umubyeyi w'Umwana wayo aheranwa n'urupfu.

Mariya rero ni we Taberinakulo ya mbere, yatwaye Yezu munda ye amezi icyenda, aramubyara kandi aramurera. Uyu munsi ni uwo gushimira Imana ibyiza yadukoreye, ni n'umunsi wo gufata icyerekezo cy'ubuzima bwacu. Turi mu nzira igana mu Ijuru, ubwo rero hari uko tugomba kwitwara muri iyo nzira. Twaje duturutse mu maparuwasi anyuranye kugira ngo twereke umubyeyi ko turi abavandimwe, bashyize hamwe kugira ngo bubake Kiliziya.

Uwo mubyeyi, tumwimike mungo zacu, n'iz'abaturanyi bacu; tuzimuture kugira ngo azirinde kwiheba, ahubwo zikomeze urugendo rutagatifu.

Mu ijambo rye, umuyobozi w'akarere ka Rutsiro, BYUKUSENGE Gaspard, yagaragaje ko uyu munsi ari uw'ibyishimo kuri bose cyane cyane kubanyarutsiro kuko Imana yahisemo paruwasi crête Congo-Nil, ihagira ubutaka butagatifu, maze abantu baturutse hirya no hino bakajya baza bahagana. Yaboneyeho gushimira yahaye imbaraga abantu bakahagera amahoro kandi bakaharonkera umukiro. Yasabye Diyosezi ya Nyundo gukomeza gufatanya n'akarere mu iterambere, kugira ngo akarere kave kumwanya wa 23 kagize mu mihigo, n'ubwo hakozwe byinshi ariko ariko mu marushanwa niko bigenda.

Yasabye abari aho bose gusenga no kuragiza Imana ibikorwa byabo, n'ubwo sekibi ahora ashaka kuduca intege; mu rugendo rwacu tugomba kurangwa no gusenga cyane. Yashimiye Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo umwanya nk'uyu agenera crête Congo-Nil. Yasoje ijambo rye asaba buri wese kurangwa n'ubufatanye kugira ngo dukomeze gutera imbere kuri roho no ku mubiri.

Mu Ijambo rya Musenyeri Jacques, igisonga cy'umwepiskopi wa Diyosezi ya Hassert mu gihugu cy'Ububiligi ifitanye umubano na Diyosezi ya Nyundo, yagaragaje ko twese turi mu muryango umwe bityo tukaba turi abavandimwe. Yatanze indamukanyo ya Musenyeri, umushumba wa diyosezi ye ndetse n'abakristu muri rusange b'iyo diyosezi.

Yagaragaje ibyishimo yatewe no kubona abantu bafite ibyishimo bikomeye mu bikorwa byose byahakorewe, ndetse akaba ari ubwa mbere abonye ibyishimo nk'ibyo. Yavuze ko yibajije ibibazo bibiri ndetse abona n'ibisubizo byabyo:

1). Ni kuki Mariya akimara kumva inkuru nziza yagiye yihuta ajya gusura Elizabeti? Ni uko yari atwite Yezu, ajya gusura integuza ye Yohani Batisita; yifuza ko akanguka akakira Roho Mutagatifu akabona kujya kumubera intumwa.

2). Igituma abakristu baje mu munsi mukuru kuri paruwasi crête Congo-Nil babyina bishimye ni iyihe? Ni uko na bo batwaye Yezu; none bamugejeje kubari aho bose.

Musenyeri Jacques yasoje ijambo rye yifuza ko bose bakwakira Roho Mutagatifu maze aho bari hose bakabera Yezu abahamya.

Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo mu ijambo rye, yashimiye abakristu baturutse hirya no hino bagahurira ku murwa w'Umubyeyi Bikira Mariya, Umubyeyi w'abakene. Twaje kugira ngo dushimire Imana ibitangaza yakoreye Umubyeyi Mariya, twaje gutura uwo Mubyeyi wadusabiye tukabona muri uyu mwaka abapadiri bashya 4 n'abadiyakoni bashya 9.



Nk’uko bimenyerewe umunsi nk’uyu niho dufata umurongo dukurikira umwaka wose, mu butumwa bwa diyosezi; bityo tukaba twari tumaze umwaka dufite icyerekezo cy’umubano w’abashakanye, imibanire y’abihayimana n’imibanire y’abapadiri. Byagize akamaro cyane kandi bigomba gukomeza. Uyu mwaka tuzaba dufite icyerekezo:” **URUGO RW’ABAKRISTU NI INKINGI IKOMEYE Y’UBUKRISTU** ” . Tuzazirikana cyane ku burere bw’umwana mu rugo, tugenda tubona ibibazo bikomeye, bamwe bajya mu biyobyabwenge, abana b’inzererezi ibyo byose ugasanga bituruka mu miryango. Kubyara biroroshye ariko kurera ugasanga ni ikibazo; tugomba gusubiza amaso inyuma tukareba uko twarezwe. Umwana wavukiye mungo zirwana ntarukundo yigiramo ndetse agakura yarahahamutse. Umwana basamye batamushaka atangira kubyumva akiri munda bityo agakura ntarukundo. Abana bafite uburenganzira bwabo bakagira n’inshingano.

Iyo usanga umugabo yibera mu kabare, wagera mu rugo ugasanga abana barwaye bwaki cyangwa amavunja, ntashema byatera ababyeyi. Ntarukundo abo babyeyi baba bafitiye abana kuko urukundo rugomba kujyana no kumwitaho. Ababyeyi bameze batyo baba batarumva kuba abakristu icyo aricyo. Hamwe na hamwe usanga umugabo yarahariye umugore kurera abana akiyibagiza isezerano bagiranye. Ubukristu bugenda bukendera mu miryango ugasanga ntagusenga. Ukabibonera mu Kiliziya, aho usanga abana batitabira kuza gusenga kandi amashuri arimo abana benshi b’abagatolika, uko kudasenga kw’abana kugaterwa n’uko n’ababyeyi baba batagiyeyo.

Uyu mwaka udukangure tumenye inshingano dufite, ni umwaka papa Fransisko yashatse ko twazirikana ku Mpuhwe z'Imana, tuzitabire ingendo nyobokamana zizakorwa mu matsinda anyuranye; abashakanye, abapfakazi, abakobwa babyariye iwabo…

Uyu murongo w'urugo rw'abakristu rugomba kuba inking ikomeye y'ubukristu, ntutandukanye n'uw'umwaka ushize, ahubwo ni uko uyu uha umwana umwanya we mu muryango.

Umwepiskopi yasoje ashima ubwitabire.

Padiri Emmanuel BAMPORINEZA